# Umuntu witwaje imbunda na gahunda ya Guma mu rugo

Shyiraho politiki yanditse yo kwitegura guhangana n'ibiza irimo ibijyanye n'iterabwoba ry'imbere n'iry'inyuma, n'ubugizi bwa nabi. Uburyo bwo kuguma mu rugo bugomba kwita ku bikoresho n'imiterere byihariye bihari. Tegura, ushyireho gahunda kandi witoze.

## Gahunda

- Shaka mu nyubako icyumba (ibyumba) cyaba gifite umutekano haramutse havutse igihe gisaba gahunda ya Guma mu rugo cyangwa kwihisha.
- Kora ku buryo haba hafite urugi rw'igiti gikomeye/rw'icyuma rufite serire ikomeye.
- Kora ku buryo haba hari telefoni cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho.
- Kora ku buryo iki cyumba kiba kirimo ibyo kurya, amazi, ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze ku bahahamutse (harimo bande yo kuzirika ahantu ngo hatava, bande zo mu gituza, agatambaro kabonerana n'ibindi) n'ubwiherero busanzwe cyangwa bw'ubukorano.
- Tekereza ku gushyiraho ibindi bikoresho bishobora gukoreshwa mu gukomeza urugi (nk'umugozi cyangwa imishumi ituma rwifunga).
- Shyiraho ahantu ho guhurira hanze igihe byaba bibaye ngombwa gusohorwa byihutirwa.

## Gutegura

- Ha buri muntu inshingano mu gihe cyo kuguma mu rugo, harimo:
  - Gukinga no gushyira kare mu nzugi zo hanze.
  - Gukinga imiryango y'imbere ikaba bariyeri z'inyongera.
  - Gusukura ibyumba no kwerekeza abantu mu cyumba cyo kugumamo.
  - Gutekereza ku yindi mirimo yihariye ikenewe aho.
- Gumana USB cyangwa ifishi iriho imiterere cyangwa ibishushanyo by'inyubako; abakozi, igisobanuro cy'ibiza bishobora kubaho aho n'ibindi inzego z'umutekano zakenera.
- Menya umuntu inzego z'umutekano zizahamagara bwa mbere.
- Wihwema kwitoza ibikorwa byo kuguma mu nzu no kwimura abarimo byihutirwa.

# Umuntu witwaje imbunda – Menya icyo uhitamo

Ibikorwa birimo abitwaje imbunda biratungurana, biranahindagurika; abahohoterwa ntibaba batoranyijwe. Uwitwaje imbunda ahitamo ahantu hatuwe cyane kandi/cyangwa aho abantu bifungiye kugira ngo yice cyangwa akomeretsa abantu benshi bashoboka. Menya, usobanukirwe icyo uhitamo gukora.

## Kwiruka

- Menya inzira yo guhunga.
- Siga ibintu byawe.
- Hunga n'ubwo abandi batakurikira.
- Menyesha abandi kandi ubarinde kwinjira.
- Hamagara 911 igihe ugeze ahari umutekano.

## Kwihisha

- Reba neza ko wageze aho batakubona.
- Kinga n'urufunguzo unashyire bariyeri ku rugi.
- Zimya amatara.
- Zimya telefoni ngendanwa.

## Kurwana

- Rwana niba nta yandi mahitamo kandi ubuzima bwawe buri mu kaga.
- Terana ibintu, shaka ikikubera intwaro aho.
- Koresha imbaraga zawe zose kuko ari zo ubuzima bwawe buri bushingireho.

# Igihe inzego z'umutekano zihageze

- Abahageze bwa mbere bazahita bagana aho bibereye; itsinda ry'ubutabazi rizakurikiraho.
- Kurikiza amabwiriza y'inzego z'umutekano.
- Nta kintu ugomba kuba ufite mu ntoki kandi zigomba kuba zigaragara.
- Irinde kugira ibyo wihutira gukora iruhande rw'abatabaye; irinde kuvuza induru, gusakuza no gutunga intoki.
- Wibaza ibibazo mu gihe cyo kuhasohorwa.

**Ahandi hari amakuru:** **https://www.dhs.gov/cisa/private-citizen**